RAPORO

MINISITERI Y'URUBYIRUKO
SIPORO N'UMUCO.
B.P.1044
KIGALI

**Kigali, kuwa 11/11/1999**
No: 2094/20:01

Kuri Nyakubahwa Minisitiri
w'Urubyiruko, Siporo
n'Umuco.

**IMPAMVU :**
Kohereza inyandiko-mvugo y'inama yo kuwa 15/10/1999 twagiranye n'abakozi ba Minisiteri.

Nyakubahwa Minisitiri,

Nejejwe no kubohereza kumugereka w'iyi baruwa inyandiko-mvugo y'inama twagiranye n'abakozi ba Minisiteri taliki ya 15 Ukwakira 1999.

Nkuko muri bubisange muri iyi nyandiko, muri iyo nama twarebeye hamwe n'abakozi ibyashoboye gukorwa mu byemezo byari byarafashwe mu nama yaherukaga yo kuwa 03/06/1999, twarebeye hamwe kandi uburyo abakozi batanga amafaranga biyemeje yo gufashanya, tunavuga ku kibazo cyo kwiyubakira amacumbi, turangiriza ku bintu n'ibindi.

Tubifurije kubyakira neza.

Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri
y'Urubyiruko, Siporo n'Umuco.

**BARIKANA Eugène**

BARIKANA Eugène
Secrétaire Général
MIJESPOC

**BIMENYESHEJWE**

- Abayobozi b'Imirimo (Directeurs)
- Abayobozi b'Amashami (Chefs des Divisions)
- Abakuru b'Imishinga.

## INYANDIKO MVUGO Y'INAMA YAHUJE UMUNYAMABANGA MUKURU N'ABAKOZI BOSE BO MURI MIJESPOC TALIKI YA 15/10/1999

Inama yatangiye saa mbiri n'iminota makumyabiri, iyobowe n'Umunyamabanga Mukuru muri MIJESPOC.

**Ku murongo w'ibyigwa hari :**

- Kureba ibyashoboye gukorwa mu byemezo byari byafashwe mu nama iheruka yo kuwa 03/06/1999 ;
- Gufashanya ;
- Kubaka ;
- Ibintu n'ibindi.

### I IBYASHOBOYE GUKORWA MU BYEMEZO BYARI BYARAFASHWE

Inyandiko-mvugo y'inama yo kuwa 03/06/1999 imaze gusomwa, Umunyamabanga Mukuru yafashe ijambo agira icyo avuga ku byemezo byari byarafashwe muri iyo nama.

#### 1. Kubahiriza amasaha y'akazi

Umunyamabanga Muku yabwiye abari mu nama ko ikibazo cy'amasaha kikiri ingorabahizi. Ko hakiri benshi batubahiriza amasaha yategetswe. Naho kubyerekeye imodoka ONATRACOM yateganyaga ko zizajya zitwara abakozi, Umunyamabanga Mukuru yavuze ko ibyo ababisezeranije batigeze babyubahiriza.

#### 2. Inshingano z'abakozi zidasobanutse

Abari mu nama bavuze ko inshingano bashobora kuba bazizi ariko ibikoresho bikabura. Bwana **Paterne, Umuyobozi wa Siporo,** yatanze urugero rwa ba Secrétaires (cyane cyane aba ma Divisions) batagira ordinateurs. Umunyamabanga Mukuru yashubije ko zihari ko bazazihabwa.

### 3. Gahunda ya buri munsi y'abakozi

Umunyamabanga Mukuru yavuze ko bitumvikana ko abantu batagira gahunda kandi buri wa Mbere w'icyumweru haba inama ya ba Directeurs na ba Chefs de Divisions yo gushyiraho gahunda y'icyumweru.
Aha Bwana **Kanamugire Louis** yashubije ko gahunda iba ihari ati ariko hari ubwo ibikoresho bibura. Umunyamabanga Mukuru, yasabye abari mu nama ko bazajya bakora iyo gahunda ya buri munsi hanyuma ibikoresho nibiramuka bibuze ati ibyo ntibizaba ari ikosa ryanyu, usibye ko bitajya bibura.

### 4. Amahugurwa yabakozi yarateganijwe

Umunyamabanga Mukuru yabwiye abari mu nama ko impamvu ayo mahugurwa atabaye aruko amafaranga Minisiteri yari yezeye kuzahabwa na MIFOTRA atabonetse. Bavuga ko ngo ari menshi. Ati ariko ubu turacyari muri négociations yo kureba ayo bashobora kubona, tukazakora amahugurwa dukurikije uko amafaranga bazaduha azaba angana.

### 5. Gukingura irembo rya Sitade.

Umunyamabanga Mukuru yababwiye ko uko babisezeranije abakozi ko rizajya rifungurwa guhera saa moya na mirongo ine n'itanu kugeza saa mbiri n'iminota cumi n'itanu byubahirijwe. Ati ariko icyagaragaye nuko ridafasha benshi kubera ko abahagerera igihe ari imbarwa. Ati icyakora ayo masaha twemeye ko rizajya rikingurwa azagumya yubahirizwe. Abari mu nama banasabye ko ryajya rikingurwa n'amasaha y'ikiruhuko. Umunyamabanga Mukuru nabyo yarabyemeye, asaba ko rizajya rikingurwa guhera saa sita n'igice kujyeza saa saba n'igice.

### 6. Misiyo zo mu mahanga.

Umunyamabanga Mukuru, yakosoye ingingo yari mu inyandiko-mvugo y'inama yo kuwa 03/06/1999 yavugaga ko nta muntu uzajya ujya mu mahanga kabiri yikurikiranije kandi hari abandi nabo babishoboye batarajyenda. Aha yasobanuye ko yari yavuze ko nta muntu uzajyenda kabiri yikurikiranije cyeretse hari impamvu zibiteye zisobanutse. Yatanze urugero ko nka Minisitiri ashobora gutumirwa, aramutse atabonetse ati birumvikana ko nta wundi ushobora kujyenda usibye Umunyamabanga Mukuru. Ati nawe aramutse atabonetse ntawundi mukozi wakoherezwa atari umwe mu ba Diregiteri, cyangwa abo mu mashami bitewe n'inama iyo ariyo. Ati naho ubundi nta bantu

babijyenewe bahari. Ati kandi ikibigaragaza nuko hamaze kujyenda benshi kandi banyuranye.

Abari mu nama baboneyeho umwanya wo kubaza impamvu hari abajya muri misiyo bagahabwa amafaranga y'urugendo uko ateganijwe abandi bagahabwa gusa udufaranga ducye two kwitwaza mu mufuka (argent de poche).

**RUGAMBA** yasobanuye ko impamvu ya mbere ituruka ku bihugu cyangwa imiryango yabatumiye : ati hari abadutumura bakanishingira kuzadutunga muri byose. Ati abajyiye rero muri misiyo nk'iyo tubashakira gusa udufaranga bitwaza k'umufuka. Bwana **KAYIJUKA Gaspard**, yavuze ko iyo umuntu agiye muri misiyo azaba pris en charge n'igihugu agiyemo, ko mu mategeko ya Leta agomba guhabwa 1/3 cy'amafaranga (frais de mission) yagombaga kubona. **RUGAMBA** yamushubije ko ibyo babikuyeho ahubwo ko ngo babara amafaranga abazabatunga bazakoresha, hanyuma bagatanga asigaye. Ati ariko nayo kugirango uyahabwe ugomba kuba ufite « ordre de mission » yasinywe na Peresida wa Repubulika cyangwa premier Ministre ati naho ubundi ntaburenganzira uba uyafiteho. Umunyamabanga Mukuru yongeyeho ko kugirango Perezida wa Repubulika asinye abanza kureba niba iyo misiyo ari ngombwa kandi ko ifitiye igihugu akamaro.

Umunyamabanga Mukuru yatanze urugero rw'itorero Urucyerereza riherutse muri Uganda ritumiwe n'itorero ryaho. Ati ntabwo ari igihugu cyari kibohereje, ati ariko nubwo ari Itorero ryari ritumiwe n'irindi, bikaba bitari ngombwa ko bahabwa amafaranga, ati twashakishije aho twakura udufaranga ducye bakwitwaza, tubarihira na « ticket » ariko ntibabyumva bagenda batishimye, ndetse nayo babonye bajyenda bayita « avance ».

**Bwana Ignac**e yasabye ko ayo mategeko nayo abantu bakwiye kuyamenyeshwa. Yongera gusaba ko nibura utwo dufaranga (argent de poche) twajya tungana kuri bose. **RUGAMBA** yamushubije ko gushyiraho amafaranga angana bidashoboka kuko « situations » zidasa. Umunyamabanga Mukuru yongeyeho ko atari ukuyabima ko ahubwo aruko aba ari macye, ati kandi kugirango angane ntibishoboka kuko « missions » ziratandukanye, ahantu haratandukanye, ndetse n'abajyenda baratandukanye.

**Bwana Ignac**e yongeyeho ikindi kibazo cy'uko utwo dufaranga batanga uretse ko ari ducye natwo tuboneka ku munota wa nyuma. Umunyamabanga Mukuru yamusobanuriye ko hari ubwo biterwa nigihe ubwo butumire bwaziye. Ati hari igihe butugeraho hasigaye igihe gito cyane.

**7. Amategeko agenga abakozi ba Leta**

Umunyamabanga Mukuru yavuze ko hashize amezi agera kuri abiri uwasabwe kuyategura ariwe **Bwana HATEGEKIMANA Emmanuel** ayarangije, ndetse akimara kuyarangiza, Umunyamabanga Mukuru yavuze ko yamusabye kwihutira kuyohereza muri za « Directions ». Ariko abayobozi bose bari mu nama bavuze ko ntayo bigeze babona. Hanyuma **MUKAKABEJA Anne**, Umunyamabanga mu Buyobozi bw'Imikino yaje guhamya ko we yayabonye. Ubwo abari mu nama bahise bumva ko ikibazo kitari kuwarushinzwe kuyategura ahubwo ko kiri ku banyamabanga bo muri za « Directions » bakira dosiye bakazibika ntibazigeze kubo zigomba kugeraho. Umunyamabanga Mukuru yahise asaba **TWAGIRAYEZU Innocent** washinzwe kuba ayobora « Secrétariat Central » gukorana inama na ba « secrétaires » kugirango batunganye imikorere yabo. Bwana **RUDAHUNGA Gédéon** yaboneyeho umwanya wo gusaba « Secrétariat Central » kutajya yibajyirwa « Direction » ya KAVUMU nk'uko bikunze kugaragara iyo hari dosiye ireba « Directions » zose. Aha Umunyamabanga Mukuru yongeyeho ko batagomba kujya bibajyirwa nabandi bakozi bari mu mishanga ikorera muri Minisiteri.

**8. Dosiye z'abakozi.**

Umunyamabanga Mukuru yibukije abari mu nama ko buri mukozi agomba kuba afite dosiye iranga imikorere ye kugirango izamufashe kwikosora kandi buri muntu azashobore guhabwa « cote » imukwiriye.

**9. Kwitabira inama zo muri za selire na segiteri.**

Umunyamabanga Mukuru yongeye kwibutsa abakozi ko bakwiriye kwitabira izo nama kugirango buri wese amenye uko igihugu cyacu kigenda. Yavuze ko igihugu cyacu kizaba uko dushaka ko kiba.

**10. Raporo z'abajya mu butumwa**

Umunyamabanga Mukuru yavuze ko kugeza ubu hariho abatazitanga vuba. Yaboneyeho kandi umwanya wo kubwira abari mu nama ko umuntu wese uzajya ajya mu butumwa hanze y'igihugu agomba kugira akantu k'ingira kamaro akurayo akazajya akajyeza ku bandi igihe k'inama nk'iyi.

## II. GUFASHANYA.

Kuri iyi ngingo, Umunyamabanga Mukuru yatangiye abwira abari mu nama ko icyo bapfana bose cya mbere ari akazi ati ariko hakabaho no kubana bafashanya. Yibukije ko ku ngengo y'imali nta mafaranga yo gufasha abakozi ateganijwe. Ati niyo mpamvu twiyemeje ko tuzajya dutanga amafaranga magana abiri (200 Frw) ku mushahara wacu wa buri kwezi kugirango tujye dufashanya. Hanyuma yasomye raporo yatanzwe n'abashinzwe uwo mushinga wo gufashanya. Icyagaragaye muri iyo raporo nuko abantu benshi batazirikanye ibyo biyemeje. Ibyo bigaragazwa nuko hari benshi batijyeze bishyura n'ukwezi na kumwe nyuma y'amezi atanu uwo mushinga umaze ushyizweho.

Kuri icyo kibazo, Inama yemeje ko abafite ibirarane bose bazaba barangije kubyishyura bitarenze taliki ya 5/11/1999. Nyuma yiyo taliki hazaba inama, abazaba batarishyura bazasezerwa mu nama Rusange kubera ko buri wese yabyiyemeje kandi bikaba bigaragara ko ntawayabuze, ahubwo ko ari umwete muke.

Umunyamabanga Mukuru yibukije ko abahembwa amafaranga atubutse, nk'abakora mu mishinga, bajya batanga atubutse. Bwana **NDAYISABA Juvénal** yahise asaba ababishinzwe kuzaza akabaha ibihumbi makumyabiri **(20.000 Frw)**.

Bwana **RUGAMBA Egide**, yasabye ko twareba uko ayo mafaranga atangwa yakongerwa kuko ngo urebye ayo mafaranga atangwa ukuntu ari macye, n'ukuntu abayacyeneye ari benshi, ati ndabona twayongera bitashoboka tukabireka kuko yazaduteza ibibazo.

Kuri icyo kibazo, Umunyamabanga Mukuru yasabye ko twabanza tukava mu birarane dufite, ababinaniwe bakazasezererwa, hanyuma tukazareba niba twayongera.

Bwana **NDAYISABA Juvénal** yasabye ko Minisiteri yakora uko ishoboye, ayo tuzajya dutanga ku kwezi, ikajya iyakuba kabiri. Umunyamabanga Mukuru yamwibukije ko ku ngengo y'imali, Minisiteri ntaho ifite yayakura, ati icyakora tuzakora uko dushoboye, turebe uko twatera inkunga icyo kigega, ariko ntidushobora kuyabona buri kwezi.

## III. KUBAKA.

Bwana **KAYOBOTSI Prote** yavuze ko ubu ibabanza byarangiye. Ku kibazo cy'abatarashoboye gutanga amafaranga ibihumbi bitanu (5.000 Frw) abandi batanze yo gusiza, Inama yabyizeho isanga barahawe igihe gihagije cyo kuyashaka, isanga kandi niba batarashoboye gutanga ibyo bihumbi bitanu (5.000 Frw) batazashobora gutanga arenze igihe bizaba ngombwa. Hanyuma inama yemeza ko bahita basimbuzwa abandi bari kuri lisiti y'agateganyo (kuko hari lisiti y'abantu 40 bategereje). Umunyamabanga Mukuru yavuze ko nabo batazatereranwa ko nibabishaka bazabafasha kubona ibibanza mu midugudu. Naho abazabasimbura nabo basabwe kuzaba batanze abyo bihumbi bitanu abandi batanze mbere y'italiki ya 05/11/1999.

**ABIYINGOMA Ignace**, yabajije niba abakozi bari kuri iyo lisiti y'agateganyo bikorera ku giti cyabo hano muri stade, nabo bazahabwa ibibanza. Inama yasanze « priorité » ari abakozi ba Minisiteri, ariko nabo kuko hariho ibyo bajya badufasha, inama yasanze nabo tudakwiriye kubibagirwa. Niyo mpamvu hemejwe ko abakozi ba Minisiteri bari kuri lisiti yagateganyo, bazahabwa ukwezi kugirango babe bishyuye ayo mafaranga yo gusiza, abatazabishobora bakazasimbuzwa abo bandi bikorera ku giti cyabo.

Umunyamabanga Mukuru yasabye ko buri muntu wese yakwerekwa ikibanza cye, ababishoboye bakishyirahamwe, ibikorwa bigatangira.

**Bwana Paterne** yabwiye abari mu nama ko « Caisse hypothécaire » ifite umushinga ifatanije na « Afrique du Sud » wo kubakira abantu bakajya bishyura. Abaza niba tutabifashisha. Inama yarabishimye, Bwana Prote asabwa gutegura ibaruwa ibasaba kubidufashamo, akazanababaza « conditions » zabo hanyuma tukazakora inama tukareba icyakorwa nuko uwo mushinga watangira, byananirana tukazimenya.

Umunyamabanga Mukuru yaboneyeho umwanya wo kumenyesha abari mu nama ko abari muri « comité » ikurikirana iyo mirimo yo kubaka bakwiriye guhabwa agashimwe kuko ibikorwa basabwa bagomba kubikora nyuma y'amasaha y'akazi. « Comité » yasabwe kubitekerezaho ikazatanga ibyifuzo byayo mu nama y'ubutaha.

## IV. IBINTU N'IBINDI

Mu bintu n'ibindi havuzwe ibi bikurikira :

1. **Kwitanga :**

Umunyamabanga Mukuru yatangiye iyi ngingo avuga ko ubu hariho abantu bavuga ko igihe cyo kwitanga cyarangiye, nyamara wareba aho bageze ukahabura. Ati iyi Minisiteri yacu ntizakora ibitangaza niba tudahagurutse ngo dukore, ati rero twe kujenjeka, igihe umuntu yaje ku kazi yumve ko yaje gukora. Ati hariho abavunika, n'abandi badakora, ati ntitugakore nk'abacanshuro (mercenaires), ariko twumve ko dukorera igihugu cyacu, tugikorere n'umutima umwe. Yavuze ko hari abavuga ko nta nshingano bafite ngo abandi biharira akazi, ati ariko urwo n'urwitwazo.

Yavuze ko mu bihugu byateye imbere, atanga urugero rwa Canada aho aherutse kujya, ko usanga barangwa no gukunda akazi, nta mwanya bafite wo gupfusha ubusa. Mu rwego rwo kwerekana ko gukora ariko guteza abantu imbere, yatanze urugero rw'abaturage bo muri « Région » yitwa « ACADIE » muri « Nouveau-Brunswick » muri Canada, ngo bababwiye ko bigeze kugirirwa nabi cyane ngo bagahora barira, ariko ngo baza gutekereza basanga ibyo ntacyo bizabajyezaho, barabyibagirwa batangira gukora, none ubu ngo bajyeze kure cyane.

Yavuze kandi ku rubyiruko rwo muri Canada bita **« Jeunesse Canada-Monde »** ngo rufite kwitanga gutangaje : batangiye bitanga mu gihugu cyabo ariko ubu baritanga no mu mahanga. Ngo bajyaga baza no mu Rwanda bakahamara amezi nk'atatu, bakorana n'Urubyiruko rw'U Rwanda. Umunyamabanga Mukuru yavuze ko ngo yahise abasaba gushyira u Rwanda kuri lisiti bakazajya bafatanya.

Yarangije iyi ngingo yo kwitanga avuga ko kuba bakora batcyo atari ubugoryi ahubwo ari ugutera imbere.

2. **Inama mpuzamahanga y'Urubyiruko** :

Umunyamabanga Mukuru yamenyesheje abari mu nama ko Minisiteri iriho itegura Inama mpuzamahanga y'Urubyiruko izaba uyu mwaka kuva taliki ya 15 kugeza kuya 20 Ugushyingo. Yavuze icyakora ko Minisiteri itazafungwa kubera iyo nama ariko ko Abayobozi bo bagomba kuba bayirimo.

3. **Kuba Responsable mu kazi**:

Umunyamabanga Mukuru yatanze urugero rwabaherekeje itorero Urucyerereza batabaye « responsable » kuko bagiye babahaye amafaranga macye yabo nayitorero baherekeje, bakabasobanurira ko nta mafaranga ahari ariko bagerayo bakababwira ko ayo bahawe ari « avance » ko andi bazayahabwa batashye, ati ibyo byatumye itorero ryigaragambya bitewe nabo. Kandi iryo torero ryabareze ko ngo bagezeyo bakabata bakigira mu bindi. Umunyamabanga Mukuru yamenyesheje abari mu nama ko ibyo babihaniwe.

4. **Uburyo bwo kwitwara imbere y'ukuyubora.**

Umunyamabanga Mukuru yibukije abari mu nama ko hariho uburyo umuntu agomba kwitwara imbere y'umuyobora : Yavuze ko naho yateshuka akakubwira nabi ugomba kwirinda guhangana nawe. Ati ibyiza nuko wajya kumureba nyuma mukabivugana.

Kuri icyo kibazo, **Madamazela DOMINA** yasabye ijambo, avuga ko mu muco wa kinyarwanda, harimo kudahanira kumugaragaro cyane cyane umwana w'umukobwa. Umunyamabanga Mukuru yamushubije ko icyo ashyigikiye ari uko abantu bose bagomba kubahana, ati ariko hari igihe biba ngombwa ko ahanirwa kumugaragaro kugirango bifashe n'abandi.

**Bwana Alphonse** nawe yasabye ijambo kuri icyo kibazo, avuga ko hariho imvugo abayobozi bakoresha ibabaza. Yatanze urugero rw'ijambo Nyakubahwa Minisitiri ndetse n'Umunyamabanga Mukuru bakunda gukoresha basa n'abakabukira umuntu ngo **« wewe ».** Ati niyo umuntu acecetse kuko ariko bigomba kugenda imbere y'Umuyobozi, ati ariko umuntu aba ababaye.

Umunyamabanga Mukuru yavuze ko ikibazo atari iyo mvugo ko ahubwo ari imyitwarire iba itabaye myiza. Ati ariko, iyo mvugo tuzayireka niba aricyo kizatuma mukora neza. Yongeyeho kandi ko imiryango ikinguye ku muntu wese ufite icyo abanenga, cyangwa inama abagira. Ati ariko kujujura si byiza.

5. **Ibanga ry'akazi.**

**Rugamba** yavuze ko hari abayobozi n'aba « secrétaires » baha dosiye (ziriho commentaires) umuntu wo hanze ngo ayijyanire kandi izo « commentaires » ziba ziriho zigomba kuba ibanga ry'akazi.
Yongeyeho ko ngo hari abantu bajyenda bavuga nabi Minisiteri yacu, ati niba hari ikibazo, tugire inama abo kirora, nibinanirana tubivugire mu nama nk'iyi,

ati ariko hanze ntidukwiriye kugenda dusebya Minisiteri yacu kuko ubwo aritwe ubwacu tuba twisebya.

## 6. Amadeni

Abari mu nama bavuze ko ikintu gikunze kuvugwa hanze cyane ari amadeni Minisiteri ifitiye abantu. Umunyamabanga Mukuru yashubije ko amenshi amaze kwishyurwa usibye ko atararangira, ati turacyakomeza kuyishyura kandi twirinda gufata andi.

## 7 Siporo y'abakozi ba MIJESPOC

Umunyamabanga Mukuru yibukije abari mu nama ko abakozi ba MIJESPOC biyemeje kuba intangarugero mu byo Minisiteri ishinzwe. Ati niba tuvuga ko Minisiteri yacu ari Minisiteri ya Siporo, tugomba kuba intanga rugero muri Siporo. Yibukije ko bigeze gusaba buri mukozi wese gutoranya umukino yifuza gukina, abaza aho byahereye. GASPARD, ati umenya abantu barabitinyiye ko bizajya bibarushya gutaha kubera ko buzaba bwije bakabura imodoka. Umunyamabanga Mukuru yamushubije ko ikibazo atari icyo kuko hari hemejwe ko iyo mikino yakorwa mu masaha yakazi (saa cyenda). Nyuma hafashwe icyemezo cyuko hazandikwa urwandiko ruvuga igihe iyo gahunda izatangira gushyirwa mu bikorwa, kandi buri mu kozi wese akazayubahiriza.

**Bwana Kamy** nawe yibukije amafaranga ibihumbi magana atanu (500.000 Frw) « Directeur Général » wa BNR yigeze kwemerera Minisiteri yacu ashimira abakinnyi bayo ko bitwaye neza mu mikino bigeze kugira hashize imyaka ibiri. Abaza aho ayo mafaranga yahereye.

**Umuyobozi wa Siporo**, yavuze ko nawe yabimenye hashize nk'umwaka, bayabaza muri BNR bakababwira ko batinze akaba atarateganijwe ku ngengo y'imali yabo, ko bizakorwa undi mwaka. Ati icyakora uyu mwaka turiho turategura undi munsi w'imikino nkuwo, ati ubwo tuzaboneraho umwanya wo kuyibutsa.

## 8. Ubukwe

**Bwana Musemakweli Jean** yabwiye abari mu nama ko italiki y'ubukwe bwe itahindutse nk'uko bamwe babitekerezaga kubera ibyago yaraherutse kugira. Avuga rero ko buzaba kw'itariki ya 30/10/1999 bukazabera muri Hall ya Stade Amahoro. Umunyamabanga Mukuru yabwiye abari mu nama ko atari we wenyine, ko ubu hariho benshi babutegura barimo **Innocent TWAGIRAYEZU**

akaba nawe azasezerana kw'italiki ya 11/12/1999. Yaboneyeho umwanya wo kubwira abari mu nama ko ubufatanye twavuze tugomba kubwerekana dufatanya no mu bukwe bwa bagenzi bacu.

Mbere yo kurangiza, Umunyamabanga Mukuru yongeye gusaba abantu gukunda akazi, bagakora nk'abikorera. Yagayiye abari mu nama abakozi ba Minisiteri bagiye mw'itorero Imparage hanze y'igihugu ubu bakaba bagiye kumara icyumweru baragarutse bataraza ku kazi. Usibye Bernardin wari utaraza kubera uburwayi, abandi nta mpamvu zizwi zababujije. Umunyamabanga Mukuru yongeye kandi gusaba abantu guhindura imikorere haba mu kazi ka Leta no ku giti cyabo bwite. Ati dukoreshe umutwe wacu, dutekereze icyo twakora cyatugirira akamaro nicyo umutwe tuwufitiye. Ati naho ubundi tuzahera mu bucyene.

Umunyamabanga Mukuru yarangije asaba abari mu nama ku gumya gukorana umutima mwiza kandi abizeza ko nta vangura, nta gutonesha, nta ruswa bizigera birangwa muri Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo n'Umuco.

Inama yarangiye saa sita n'iminota irindwi (12h 07').

**UMWANDITSI**

**TWAGIRAYEZU Innocent**

**UMUYOBOZI W'INAMA**

**UMUNYAMABANGA MUKURU**
**MURI MIJESPOC**

**BARIKANA Eugène**

# ABARI MU NAMA

| AMAZINA | SERVISI BAKORAMO |
| --- | --- |
| 1- RWIGEMA Paterne | Directeur des Sports |
| 2-RUGAMBA Egide | DAAF |
| 3-.TWAGIRAYEZU Innocent | Chef de Division coordination des services décentralisés |
| 4- UWERA Christine | Secrétaire (Planification) |
| 5- KABANYANA Teddy | Cabinet |
| 6- RWAGATARE Alphonse | D.F.P |
| 7- BAKUNDA Odette | Direction Jeunesse |
| 8- RUTAGWENDAKA Fidèle | PAE |
| 9-NDASHYIKIRWA Eugène | Gestionnaire/camps de solidarité des Jeunes |
| 10- NKUSI L.P. | D.sports |
| 11- NKURANGA Joseph | Infrastructures et Equipement |
| 12- RUGOMWA Clément | Mémorial |
| 13- MUBILIGI Guido | Chef de division action sociale |
| 14-MWISENEZA Domina | Secrétaire (DAAF) |
| 15- HARERIMANA Oscar | Div. Patrimoine cult. |
| 16-NZEYIMANA Astérie | Gestionnaire du stock |

| | |
|---|---|
| 17-GAHONGAYIRE Josée | Secrétaire Direction de Sports |
| 18- RUGIMBANA A. | Dir. KAVUMU |
| 19- KUBWIMANA Gertrude | D.S |
| 20-RUMENGE Victor | Coordinateur Mouvements de la de la Jeunesse |
| 21-BUTOTO Jean | Chef de Division Patrimoine Culturel |
| 22-SHUMBUSHO Balthazar | Chauffeur |
| 23-MUKANDORI Diane | Gestionnaire |
| 24-MUTUMWINKA M. Rose | Division Infrastructures et Equipements |
| 25-NIYONZIMA Marthe | Standardiste |
| 26-KANTARAMA Espérance | Planton Département des Sports |
| 27-BASINGA Anna | Y.S.P. |
| 28-MUKAKABEJA Anne | Secrétaire Direction Sports |
| 29-KAYOBOZI Prote | Direction Formation Professionnelle |
| 30-MUTAMBA Générose | Planton du Mémorial du génocide |
| 31-RWAMUJUGA Libérata | Magasinier Direction Jeunesse |
| 32-ZUUBA Espérance | D.S. |
| 33-GAKIRE Jean Paul | Direction des Sports |

| | |
|---|---|
| 34-MUREKATETE Bernadette | Secrétaire Direction de la Culture et des Arts |
| 35-UWAMARIYA Clémentine | Planton/Jeunesse |
| 36- MBABAZI Mary | Secrétaire du S.G |
| 37-MUKANDILIMA Valentine | Division Planification (Documentation) |
| 38- MUHOZA Christophe | DCA/Commission Mémorial chargé du traitement a conservation |
| 39- NKUSI François | Chef de section à la Division Production et Appui aux GSE |
| 40- NTAZINDA Richard | DAAF |
| 41- GAKIRE Innocent | Section Personnel |
| 42- MUKAREMERA Liberata | Division Programme de la F.P |
| 43- NYIRABASHYITSI Harriet | Secrétaire à la Direction de la Jeunesse |
| 44- MUSABYEYEZU Sarah | Secrétaire à la Direction Services Généraux |
| 45- BORA Eléonore | Secrétaire à la D.C.A |
| 46- UWAMAHORO Jacqueline | Planton |
| 47- KANKESHA Immaculée | Secrétariat Particulier |
| 48- N. HATEGEKIMANA Pétronilla | Action Sociale |
| 49- UWIMANA Dorothée | Service du Personnel |

| | |
|---|---|
| 50- MUNGANYINKA Eugènie | Secrétariat central (Archives) |
| 51- RUGANJI Daniella | Secrétariat central (Archives) |
| 52- HABIYAMBERE Béatrice | Encadrement et Mobilisation de la Jeunesse |
| 53- NYIRATUNGA Anitha | Secrétariat central |
| 54- UMUTESI BERAHINO Chantal | Secrétaire Sport Civi |
| 55- BITWENGE Isaac | Chef de Division Etudes, Planification et Informatique |
| 56- KANYAMIBWA Simon | Chef de Charroi |
| 57- UMULISA Francine | Div. Folklore et Ballet |
| 58- MUKAMUSONI Immaculée | Secrétaire Projet /KAVUMU-NYANZA |
| 59- NSHIMAYEZU Israél | Division Infrastructure et équipement |
| 60- HAKUZWEYEZU Marie | D.F.P |
| 61-GATABAZI Aloys | Division Etudes Planification et Informatique. |
| 62- MUSEMAKWELI Jean | Division Promotion de l'Education sur la santé des jeunes. |
| 63- RUTEGA Bossa | Direction de la Jeunesse |
| 64- MUTARUGERA Egide | DFP/Div. Programme |
| 65- KABERA Joseph | Chauffeur |
| 66- MUSIME J. Bosco | Chauffeur |

| | |
|---|---|
| 67- IRIVUZUMUGABO F. Xavier | Div. Administration et Gestion des CFJ |
| 68- DUSINGIZE M. Pauline | Div. Etude, Planification et Informatique |
| 69- MUREKATETE Jeannette | D.F.P. |
| 70- NYIRANEZA Blandine | Planton Cabinet |
| 71- RUBERANZIZA Eugène | Programme IEC/Santé des Jeunes |
| 72- MUKANTABANA Jeanne d'Arc | Secrétaire C.Olympique |
| 73- MURAGWA Kamy | Chargé des Livraisons et Stocks |
| 74- NDAYIZEYE Théodore | Div. Promotion des arts et de l'Ecrit |
| 75- MUJAWAMARIYA Agnès | Direction Jeunesse |
| 76-. NSENGIYUNVA Emmanuel | Div. Archives Nationales |
| 77- MUNYAZIKWIYE Théogène | PAE |
| 78- MUTUGARUGAMBA Anaclet | Commission Mémorial du Génocide. |
| 79- KANAMUGIRE Louis | Mémorial du Génocide |
| 80- BAYINGANA Bonfils | S/Communication |
| 81- RUTAGENGWA Filbert | S/Communication |
| 82- MUKAMFIZI Vestine | Direction de la Jeunesse |
| 83-.MUKABATSINDA Christine | D.S G |
| 84- NYIRABASIRIMU Phoëbé | Archives Nationales |

| | |
|---|---|
| 85- KAYIGI Théodomir | Div. Folklore et Ballets |
| 86- UGIRASHEBUJA Evode | Div. Sport Civil |
| 87- RUYONZA Arlette | Commission Mémorial du Génocide. |
| 88- UWERA M. Lactitia | Direction de la Jeunesse |
| 89- BAHATI Jacques | D.F.P |
| 90- KARAMBIZI William's | |
| 91- UWAMARIYA Karema | |
| 92- KAVUTSE Franco | Y.P.D |
| 93- RUDAHUNGA Gédéon | Directeur KAVUMU |
| 94- ZINDA Victor | Div. Production |
| 95- RANGIRA Joseph | Dir.Sports |
| 96- HATEGEKIMANA Augustin | Div.Archives Nationales |
| 97- NDAYISABA Juvénal | Coord.des projets |
| 98- ABIYINGOMA Ignace | Dir.des Sports |
| 99- GASANA Vincent | D.P.P |
| 100- KAYIJUKA Gaspard | Coord. projet F.P |
| 101- UWANTEGE Louise | Div. Folklore et Bllet |
| 102- NTAWUGAYA Josbert | D.F.P |
| 103- RUTAYISIRE | Chauffeur |
| 104- NSENGIYUMVA | Chauffeur |
| 105- MUKANGEMANYI Thérèsie | DAAF |
| 106- NGUTETE Primitiva | Culture |

RAPORO

## INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YO KUWA 08/11/1999 YAHUJE MINISITIRI W'URUBYIRUKO, SIPORO N'UMUCO, ABAYOBOZI BAKURU, ABAYOBOZI B'AMASHAMI N'ABAKURU B'IMISHINGA

Inama yatangiye isa ine n'iminota cumi n'itanu iyoborwa na Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo n'Umuco.

Minisitiri yabanje kubaza abantu impamvu zabateye kutaboneka ku cyumweru taliki ya 07/11/1999, kandi bari bazi neza ko Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika yagombaga kubonana n'abaturage b'umugi wa Kigali. Abataje bamaze kuvuga impamvu zabateye kutahaboneka, Nyakubahwa Minisitiri yavuze ko nta mpamvu nimwe yagombaga gutuma abantu bataza kandi iyo nama yararebaga abantu bose. Nyuma yo guhwitura abari mu nama abumvisha ko bagomba kujya bahagurukira ibireba abaturage byose, inama yakomeje uko bisanzwe.

Ku murongo w'ibyigwa hari :

- Gusoma no gukosora inyandiko-mvugo y'inama yo kuwa 02/11/99;
- Kureba ibyakozwe mu cyumweru cyashize;
- Gahunda y'icyumweru;
- Ibintu n'ibindi.

### I. GUSOMA NO GUKOSORA INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YO KUWA 02/11/1999.

Inyandiko-mvugo imaze gusomwa, ushinzwe ishami rya Archives Nationales yavuze ko bari bafite gahunda yo gukomeza umurimo wo gusura ibigo n'inzego zinyuranye bareba uko inyandiko zifashwe, ariko ko bitagaragara mu Nyandiko. Umuyobozi w'Inama yasabye ko babyongeramo. Ikindi cyari kibagiranye muri iyo nyandiko, n'igikorwa cyari giteganijwe n'Ubuyobozi bwo Kwigisha Imyuga Iciriritse cyo gutegura ibikoresho bya Agri- élevage by'i GAKONI. Kandi muri iyo nyandiko, imwe muri za C.F.J 5 bahisemo kugirango bazihereho mu gushyiraho ingamaba z'uburyo zashobora kuzakora neza, yari yanditswe nabi : Umuyobozi wo Kwigisha Imyuga Iciriritse yakosoye avuga ko atari C.F.J NTYAZO, ahubwo ko ari C.F.J. TYAZO Yi CYANGUGU. Naho ibindi, abari mu nama babyemeje uko byari byanditse.

### II. IBYAKOZWE MU CYUMWERU CYASHIZE

#### UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO

- Bakomeje gutegura Inama mpuzamahanga y'Urubyiruko bakurikirana amafaranga muri za ONG na Minisiteri y'Imari, nayemewe na PNUD;
- Bakomeje gutegura amahugurwa y'inzego z'Urubyiruko z'ama Komini;

- Bakomeje gutegura FESTIVAL y'Urubyiruko bafatanije na Minisiteri zikorana n'Inzego z'Ubuyobozi bw'ibanze, Iterambera ry'Abanyarwandakazi : Bakoze inama imwe ariko Document yayo ntirarangira.

**UBUYOBOZI BW'IMIKINO**

- Bakomeje gutegura Séminaire y'imitunganirize y'imikino n'imyidagaduro mu Rwanda;
- Bafatanyije n'abazategura FESTIVAL y'Urubyiruko kugirango barebe imikino yashyirwa kuri gahunda yiyo FESTIVAL : Iyo mikino yaremejwe.
- Bakurikiranye ibikorwa by'isuku muri Stade.

**UBUYOBOZI BW'UMUCO**

- Bahuye na komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge kugirango bafatanye gutegura umunsi mpuzamahanga w'Ubworoherane wo kuwa 16/11/1999. Bamaze gutegura ikiganiro kikaba cyari giteganijwe kunyura kuri radio muri icyo cyumweru;
- Ntibashoboye kwimura Archives zose ziri i Kacyiru, nkuko byari biteganijwe, ariko bimuyemo nkeya ntibazirangiza kubera kubura umwanya ( kubera ko bariho bafasha Ubuyobozi bw'Urubyiruko gutegura « conférence internationale »;
- « cassette vidéo » ya FESPAD yagombaga kujya muri UNESCO yarananonsowe kandi yaragiye.

**MEMORIAL DU GENOCIDE**

- Kurebera Artiste Bruce CLARKE, aho azubaka urwibutso bise « Jardin de la Mémoire » : Ntibabonanye nawe, ariko uwo bashoboye kubonana ni « Conservateur du domaine foncier » muri P.V.K, bumvikana ko bazajyana i Rebero, ariko ntibyaje gushoboka.
- Gukurikirana amafaranga yo kwishyura imyenda : Byarakozwe, ariko ntibirarangira;
- Gukurikirana imirimo aho igeze muri za komini zasabye gushyingura mu cyubahiro : Gashora, Kanombe, Runyinya na Kayenzi : Bashoboye kubonera shitingi komini KAYENZI NA NYABISINDU;
- Gufasha P.V.K gutegura imirimo yo gushyingura ku Gisozi : Ntibyakozwe, Perefe ntiyabonetse;
- Bagiranye inama na « Tender Board », yo kwiga uko bakwishyura imirimo yakorewe i BISESERO, bashyiraho abantu babiri (KAGAHE Athanase na KAREMERA Romuald) bo kwiga neza ibisigaye gukorwa n'amafaranga bizatwara.

**ARCHIVES NATIONALES**

Bakomeje gahunda yo kugenda bareba uko inyandiko zifashwe mu Gihugu

**UBUYOBOZI BWO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**

- Gutegurana na ba nya Canada ateliers zizahuza aba Directeurs ba za C.F.J n'abantu bateganywa kuzajya muri za Conseils d'Administrations kugirango bashyireho ingamba z'uburyo C.F.J 5 ( iyi KIGALI NGALI, KIBALI, GISENYI, RWABUYE na TYAZO) bahisemo zizashobora gukora neza;
- Gusura C.F.J yi GAKONI niyi MAYANGE;
- Gutegura ibikoresho bya « Agri-Elevage » byi GAKONI.

Byose byarakozwe, usibye kujya i MAYANGE.

**PROJET KAVUMU**

Kugirana inama nabazabatera inkunga : Inama yarabaye, babemerera kubategurira « projet »no kubaha umu « Formateur ». Kandi PNUD yabemereye kubashakira imodoka zitari izabarusiya.

**GAHUNDA Y'ICYUMWERU**

**UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO**

Gukomeza gutegura Inama mpuzamahanga y'Urubyiruko izatangira taliki ya 15/11/1999.

**UBUYOBOZI BW'IMIKINO**

- Gusura umudugudu wi NYAGATARE W'ABAMUGAYE bashaka gushinga ishyirahamwe ry'imyidagaduro n'imikino;
- Kugirana inama na GV yerekeye gutegura amarushanwa ngororamubiri y'ingabo azaba taliki ya 27 na 28/11/1999;
- Gushimira ababateye inkunga kugirango ikipe y'igihuhugu ijye guhugurwa mu BUDAGE;
- Minisitiri yabasabye gukoresha imikino n'imyidagaduro mu rubyiruko rwa segiteri Remera;
- Gukomeza ibikorwa by'isuku muri stade.

**UBUYOBOZI BW'UMUCO**

- Gutegura ikiganiro cyerekeye umunsi mpuzamahanga w'Ubworoherane wo kuwa 16/11/1999 kizaca kuri radio Rwanda kuwa kane taliki ya 11/11/1999, bafatanije na komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge;
- Gutegura « Discours » ya Minisitiri azavuga taliki ya 16/11/1999 (umunsi mpuzamahanga w'Ubworoherane).

**MEMORIAL DU GENOCIDE**

- Gushaka ahazubakwa « Jardin de la Mémoire »;
- Gukomeza gukurikirana amafaranga muri « Finances » yo kwishyura imyenda;
- Gufasha P.V.K gutegura imirimo yo gushyingura ku Gisozi;

**ARCHIVES NATIONALES**

Kujya i GITARAMA ni BUTARE kureba uko inyandiko zishyinguwe.

**BIBLIOTHEQUE NATIONALE**

Gushaka « Dépôt légal » kugirango « Bibliothèque Nationale » ijye ihabwa « exemplaire » ya buri kintu cyanditwe mu Rwanda.

**UBUYOBOZI BWO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**

- Kubarura ibikoresho biri mu bigo byahoze ari ibya APTACS, bahasanga iby'ikirenga bakabitiza C.F.J yi GAKONI;
- Kujya i GAKONI gushaka lisiti y'abana banditswe;
- Gusubiza abanditse basaba kwemererwa gukingura ibigo.

**IBINTU N'IBINDI**

- Nyakubahwa Minisitiri yamenyesheje abari mu nama ko kubera ko za « Ambassades » ari nyinshi kandi amikoro y'igihugu akaba ari macye, ko Guverinoma yafashe icyemezo cyo kuzigabanya;
- Yabamenyesheje kandi ko byagaragaye ko Minisiteri ari nyinshi, bituma Guverinoma ifata icyemezo cyo kwimura inshingano za Minisiteri zimwe na zimwe zikajya mu zindi Minisiteri;
- Ikindi yamenyesheje abari mu nama nuko kubera ubucyene bw'igihugu, Inama ya Guverinoma yameje ko aba Minisitiri bahabwa imodoka zibakwiriye ariko zidahenze;
- Nyakubahwa Minisitiri yibukije i icyemezo cya Guverinoma cyuko abakozi ba Leta bose bahabwa amafaranga yi cumbi ku mishahara yabo kandi bacumbitse mu mazu ya Leta, bagomba kuyishyura cyangwa bakayavamo;
- Nyakubahwa Minisitiri yibukije kandi abakozi ko ntawemerewe gutahana imodoka ya Leta iwe, ko zose zigomba kujya zirara kuri Minisiteri;
- Ikindi Nyakubahwa Minisitiri yamenyesheje abakozi, nuko Leta yemeje ko abakozi ba Leta nabo bagomba gukatwa amafanga ya « taxes sur les revenus » nk'abandi. Ariko, ifata icyo cyemezo, Nyakubahwa Minisitiri yavuze ko Leta itirengagije ubucye bw'umushahara wabo, ikaba yarasabye Minisiteri ibishinzwe kwiga ukuntu iyo mishahara yakongerwa ku buryo ayo mafaranga nibayakata, bitazagira icyo bigabanya ku mishahara bahembwaga.

Inama yarangiye saa sita n'igice.

**Umwanditsi w'Inama**

**TWAGIRAYEZU Innocent**

**Umuyobozi w'Inama**

**Minisitiri w'Urubyiruko,**
**Siporo n'Umuco.**

**Faransisko NGARAMBE**

## ABAJE MU NAMA

| | | |
|---|---|---|
| 1. | NGABOYISONGA Vincent | D.F.P |
| 2. | KIZARI Elias | Division Archives Nationales |
| 3. | J. M. Vianney SALAAM | Div. Mobilisation et Enc. de la Jeunesse |
| 4. | MUNYAZIKWIYE Théogène | PAE |
| 5. | NSENGAG D.H | Direction Jeunesse |
| 6. | TWAGIRAYEZU Innocent | Div. Coord. des Services Décentralisés |
| 7. | BAYINGANA Bon Fils | S/ Communication |
| 8. | Joseph RANGIRA | Div. Sport Civil |
| 9. | BITWENGE Isaac | Div. Etudes et Planification |
| 10. | MUBILIGI Guido | Services Généraux |

| | | |
|---|---|---|
| 11 | NYANSHAYIJA David | D J |
| 12. | RURANGIRWA Aron | DIV. Sport Scolaire et Universitaire |
| 13. | MUHOZA Christophe | Div. Com. Mémorial du génocide |
| 14. | Col. Charles MUSITU | |
| 15. | KANIMBA MISAGO | M.N.R |
| 16. | SEKUBUMBA Séverin | Bibl. Nationale |
| 17. | RUGAMBA Egide | D.S.G |
| 18. | NTIDENDEREZA William | D.F.P |
| 19. | Alphonse RWAGATARE | Div. Logistique |
| 20. | RUTAZIBWA Bernardin | Div. Folklore & Ballets |

## ABATAJE MU NAMA

| | |
|---|---|
| 1. RUGAMBA Egide | D.S.G. |
| 3. KAYIJUKA Gaspard | C.P.A.F.P |
| 4. MUSEMAKWELI Jean | Santé des Jeunes |
| 5. RUTAGENGWA Philibert | S/Communication |
| 6. RWIGEMA Paterne | D.S. |
| 7. GASANA Vincent | Div.Adm. & G. CFJ |
| 8. BUTOTO Jean | Div.Patrimoine Cult. |
| 9. Gédéon RUDAHUNGA | D/C.F.J KAVUMU |
| 10. KANAMUGIRE Louis | Mémorial du Génocide et des Massacres |
| 11. NDAGIJIMANA Epimaque | S.R.A |
| 12. RUTAGWENDEKA Fidèle | PAE |
| 13. RUSIMBI John | Div. Coop. Jeunes |